Bibiliya y'abana irerekana



# Umwami wavuye mu ruzi

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: M. Maillot; Lazarus

yahujwe na: M. Maillot; Sarah S; Alastair Paterson

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2021 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Umutware Yosefu yarapfuye. Abanyegiputa bafatanya

umubabaro n'umur-yango we.





Imana yakoresheje Yosefu umuheburayo kugira ngo akize abanyagihugu
inzara.

Yari umunyabwenge kandi umuyobozi ukundwa. ubu ntabwo akiriho.



Imyaka irenga magana tatu irashize. umuryango wa Yosefu umaze kuba ubwoko bukomeye muri Egiputa.



Farawo mushya (umwami mushya) aterwa ubwoba n'imbaraga z'abaheburayo ko bazabarwanya, maze abagira imbata.



Farawo abategekesha igitugu. Abategeka ku gahato kubaka imigi minini.



Nubwo bakoraga imirimo y'uburetwa, imbata z'abaheburayo zakomeje kugwira.



umunsi umwe, itegeko rikanganye riva kwa Farawo.



Abana b'abahungu b'abaheburayo bavutse bagomba kujugunywa mu ruzi rwa Nili.



Umugome Farawo yiyemeje kugabanya umubare w'abaheburayo. Yashatse kwica n'impinja.



Umuryango umwe utangira kwibaza. "Dukore iki." Bafata icyemezo cyo gushira umwana wabo mu ruzi rwa Nili.




Ariko agomba kuba ari mu kato kaboshye gapfundikiye, katava.



Karimo umutwaro w'ingira kamaro, ako kato kagendaga hejuru y'amazi mu rufunzo.



N'iki kizaba ku ruhinja?



Arebera kure, mushiki w'uruhinja yacungaga ako kato k'ingirakamaro...



... kagendera hejuru y'amazi kitonze hagati mu rufunzo.



Mu mwanya muto, umukobwa wa Farawo n'abaja be, baza koga mu ruzi.



Nta buryo bwo guhisha ako kato. Ahari bashobora kugenda batakabonye.



“Oh! Akato (akebo). Hariya, mu rufunzo. Ndibaza ikirimo imbere.” umukobwa wa Farawo ategeka umuja kujya kuzana ka kato.



Agafunguye- uruhinja rutangira kurira. “ni umwana w’umuheburayo.” Umukobwa w’umwami biramutangaza.



"Mbega akana. Uri mwiza" Ni ngombwa ko yavugishaga uruhinja nkuko abana bato babikora.



Agomba kuba yaragiraga ati:
“Ootchie-kootchie Koo-ums”
k’Umunyegiputa.



Imana igomba kuba yari yahaye mushiki w'uruhinja ubwenge budasanzwe. Yiruka inyuma y'umukobwa wa Farawo.



Njye kugushakira umugore w'umuheburayo wo kukurerera uru ruhinja? Aramusubiza ati: "Genda".



Uratekereza ko ari inde yihutiye gushaka?



"Mama!  Ngwino vuba!  Oh, ihute!"
Birashoboka ko atari afite umwanya wo gusobanura ibiba.



bari, kumwe bagenda bihuta mu nzira.



Ku ruzi, umukobwa wa Farawo yari afashe rwa ruhinja.



“genda umunderere. Nzaguhemba. mwite Mose.” bisobanura ngo: ni uko namukuye
mu mazi.



Mose asubira mu babyeyi be iwabo. Bamwigisha gukunda Imana n'abaheburayo.



mu gihe gito, ashobora kujya kuba ibwami kwa Farawo kubana n'umukobwa we.



Imana yarokoye ubuzima bwe, yari yarateguye ejo hazaza h'umwana Mose.



Umwami wavuye mu ruzi

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Kuva 2

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo." Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.
Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16